Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Nyarugenge

**ITANGAZO RIGENEWE ABARIMU BASHAKA BURUSE (SCHOLARSHIP)**

Akarere ka Nyarugenge kishimiye kumenyesha abarimu bujuje ibisabwa bakorera mu Karere ka Nyarugenge bashaka buruse (Scholarship) kwihutira gutanga ibyangombwa **(Hard copies)** mu bunyamabanga rusange bw'Akarere **guhera ku wa 16/12/2021 kugeza ku wa 22/12/2021 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).**

**Ibyangombwa bisabwa ni ibi bikurikira:**

- Ibaruwa isaba buruse (Scholarship) yandikiwe Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere;
- Kuba ari umunyarwanda afite imyaka iri munsi ya 35 (Fotokopi y'indangamuntu);
- Fotokopi ya Diplome ya A2 cyangwa A1 kandi yarize mu mashuri nderabarezi (Normale Primaire, TTC, Colleges of Education), kandi yararangizanyije amanota amwemerera gukomeza mu mashuri makuru na kaminuza;
- Icyemezo cy'imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge akoreramo;
- Kuba nibura nyuma y'igihe cy'igeragezwa afite uburambe bw'imyaka 3 (ibaruwa yo guhabwa akazi ya burundu);
- Ikigaragaza ko atigeze ahagarikwa mu kazi mugihe kingana n'amezi atatu (3);
- Kuba yarize amasomo ajyanye n'imibare na siyanse byaba ari akarusho (Mathematics and Sciences)

Bikorewe i Nyarugenge ku wa 16/12/2021.

for

**NGABONZIZA Emmy**

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge